UMURWA W'UBUTEGETSI KAVUKIRE
BW'IGIHUGU.

-----------

## Circulaire nº46/56 y'Umwami w'Urwanda.

### Amategeko agenga ubutaka.

Ku Batware bose ba Intara n'ab'Imisozi,

Ndabaramutsa.

Ntawuyobewe yuko amategeko agenga ubutaka bwacu alimo uburyo bwo gukurikizwa buruhanije cyane.Ubwo butegetsi bwali buhuje n'ibyali ngombwa muli icyo gihe.

Aliko inama zimwe za Intara niza Territoire zashyizeho ibyifuzo bigaragaza yuko ubwo butegetsi bukwiliye gusubirwamo bose, kugirango buhuze na ibishya ngombwa,by'imibereho y'abaturage n'iby'ubukungu bw'Urwanda rwo muli iki gihe.

Ubutegetsi bw'ubutaka butaboneye bushobora kubuza cyangwa kudindiza amajyambere ndetse yenda bukaba bwaba impamvu yasubiza inyuma imibereho y'abaturage.

Namenyesheje Inama Nkuru i'Igihugu icyo kibazo gikomeye.Byenda amabwiriza yabyo ntabwo azatangwa vuba.

Nyamara benshi mu gihugu bamenyesha yuko haliho abarenga urugero mw'itanga ry'amasambu n'iry'ibikingi.

Kugirango duhe abahinzi bose n'abakozi uburyo bwo kubaho no kubona ibibatunze bihagije bakulikije uko babishoboye kandi turebye n'ubutaka buriho,kandi dukurikije n'ibyifuzo byavuye mu bategetsi babizi babigenewe bo mu Milimo ya Leta,mbategetse ibi byo hepfo:

Kuva ubu,mu gihe cyo gutanga ubutaka,umutware w'umusozi ategetswe gufatanya n'Inama ye y'umusozi.

Ahuje imigabo na iyo nama,umutware w'umusozi azashobora gutanga isambu ya hectare ebyili na igikingi cya hectare 5, akabiha abaturage b'umusozi babisabye.

Niba isambu irenze hectare ebyili,aliko itari hejuru ya hectare 5,cyangwa se igikingi kirenze hectare 5 aliko kitari hejuru ya hectare IO,bizagomba kwemezwa n'umutware w'Intara.

Uretse ibyo bigarukirwaho,ntawe uzatanga ubutaka ntabanje kubyemeza.

Ndabamenyesha yuko ali ngombwa ko muzakurikiza ayo mabwiriza uko ameze igihe tugitegereje amategeko azagumaho yerekeye iby'ubutaka bwacu azatangwa n'Inama Nkuru y'Igihugu.-

Bikorewe i Nyanza,kuwa I tumba-nyakime I956.

UMWAMI W'URWANDA,
Ch.MUTARA RUDAHIGWA.

Ruhengeri
576